# IBISUBIZO-IKIZAMINI CYA 2017

## IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N' IMITERERE Y' URURIMI

1. Ipapayi ikomoka mu gihugu cya Megiziki kiri ku mugabane wa Amerika.
   Ni uko ari ho gihingwa cyane
2. Ipapayi ikunda guhingwa cyane kubera urubuto rwayo rukize kuri vitamini nyinshi, kandi amababi yayo akaba avura indwara nyinshi.
3. Igishobora kubangamira ipapayi mu buhinzi bwa yo ni imiyaya, ubutaka butaberanye nay o n'ubukonje.
4. Indwara zishobora kurwanywa n'ipapayi ni kanseri y' amara, kutituma neza, kuribwa n'umugongo
5. Impamvu umuntu urwaye agirwa inama yo kujya kwa muganga ni uko ipapayi igufasha kugira ubuzima bwiza itakuvura indwara zose kuko indwara ziterwa n'ibintu byinshi bitandukanye.
6. Ipapayi ifitiye akamaro umuhinzi wayo kuko imuha amafaranga ayigurishije, ituma agira ubuzima bwiza n'umuryango we iyo bayiriye.
7. Umuhinzi w' amapapayi agomba gusiga intera ingana na meteri ebyiri hagati y' umurongo n'undi.
8. Ipapayi itangira kwera nyuma imaze igihe kigera ku mezi icumi.
9. a. Rukungahaye: rukize
   b. zinyuranye: zitandukanye
   c. urukurikirane: uruhererekane

## UBUMENYI RUSANGE BW' URURIMI

10. **Amazina aturuka kuri izi nshinga**
    a. kuvura (umurwayi): umuvuzi, imivurire , amavuriro
    b. kungana : urungano
    c. kurya : umuryi, ururiro, ibiryo
11. **inshinga ( imbundo)**
    a. umusaruro : gusarura
    b. igogora : kugogora
    c. imineke : kuneka
12. **Imbusane z' amagambo.**
    a. ikunda ≠ yanga / bworoshye ≠ bugoye, bukomeye / gishyuha ≠ gikonja
    b. rukungahaye ≠ rukennye
13. **Sakwe sakwe!**
    a. umugezi b. isake c. ubwoya bw' inka d. Akanyoni karitse ku nzira
14. **Imigani**
    a. Bitana ibisambo b. Agahwa kari ku wundi c. Agati gateretswe n' Imana d. ntiriva
15. **Amagambo yabugenewe**
    a. kugura ingoma : gukosha ingoma
    b. Musaza wa mama : marume - Amata yaraye ataravura : umubanji
    c. Gukamisha amabiko yombi : kuvuruganya
    d. cyamenetse : cyabyaye

## IKIBONEZAMVUGO

16. **Ubwoko bw' amagambo**
    a. -ipapayi: izina rusange - bwiza: ntera
    b. -ashobora: inshinga itondaguye -mu: indangahantu
    c. -izindi : ikinyaziza ndafutura